MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA

No111 Ukwakira 2015



# IHURIRO RY'IMITWE YA POLITIKI MU GIHUGU CYA UGANDA RYASUYE IRY'U RWANDA

*Mu rugendo shuri rw'iminsi ine (4) ruri gukorwa na bamwe mu bagize Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya politiki mu Gihugu cya Uganda mu rwego rwo gusangira ubumenyi ku ntambwe u Rwanda rumaze gutera mu gushyiraho amategeko agenga Ihuriro Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya politiki yemewe mu Rwanda, aho rugeze mu kwimakaza demokarasi ishingiye ku mashyaka menshi; kuri uyu wa 06 Ukwakira 2015 bakiriwe mu Mujyi wa Kigali ku Kacyiru ku cyicaro cy'Ihuriro aho rikorera.*



*Hon. NYIRAHIRWA Veneranda, Umuvugizi w'Ihuriro (hagati) na Bwana Pie NIZEYIMANA, Umuvugizi wungirije (iburyo) bakira abashyitsi*

Mu gutangira, Umuvugizi w'Ihuriro Madamu NYIRAHIRWA Veneranda wakiriye iyi delegasiyo, yababwiye ko muri iyi minsi ine bazamara mu Gihugu cy'u Rwanda, bazahava bamenye byinshi ku mikorere y'Ihuriro n'izindi nzego zifite aho zihuriye no kwandika Imitwe ya politiki ndetse no gukorana bya hafi nayo.



*Abari mu biganiro*

Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Ihuriro bwasobanuriye iyi delegasiyo imikorere n'imikoranire y'Ihuriro n'imitwe ya politiki, inshingano zaryo n'ibyo rimaze kugeraho, bubabwira kandi ku bijyanye n'uburyo Imitwe ya Politiki yinjira mu Ihuriro, aho Ihuriro rikura ingengo y'imari n'uburyo ikoreshwa, bunababwira uburyo abasenateri batangwa n'Ihuriro batorwa, Uruhare rw'Ihuriro mu gukemura impaka zivutse mu Mitwe ya Politiki no gukurikirana imyitwarire y'abanyapolitiki cyane cyane mu bihe byo kwiyamamaza kw'Imitwe ya politiki n'ibindi.

Mu kwibaza aho Ihuriro rikura ingengo y'imari; Hon Tito Rutaremara, Perezida wa Komisiyo Mbonezabupfura no Gukemura Amakimbirane yababwiye ko ingengo y'imari ikoreshwa n'Ihuriro iva ku ngengo y'imari ya Leta ndetse n'abafatanyabikorwa baryo. Yakomeje abasobanurira ko Imitwe ya politiki ifite uburenganzira bungana mu Ihuriro, ikaba ihabwa amafranga angana, mu rwego rwo gutera inkunga amahugurwa yo kongera ubushobozi abayoboke bayo. Ku birebana n'amatora y'abasenateri, babwiwe ko Ihuriro ritanga abasenateri bane (4) muri Sena batorwa n'Inama Rusange y'Ihuriro mu mucyo, aho buri Mutwe wa Politiki uhabwa uburenganzira bwo kwamamaza umukandida waryo mu bwisanzure. Ku bijyanye n'uburyo Imitwe ya Politiki yinjira mu Ihuriro basobanuriwe ko kujya mu Ihuriro ari ubushake, Umutwe wa Politiki ushobora kurijyamo cyangwa nturijyemo.

Naho ku bijyanye n'Uruhare rw'Ihuriro mu gukemura impaka, basobanuriwe ko Ihuriro rifite Komite ishinzwe gukurikirana imyitwarire y'abanyapolitiki bari mu Mitwe ya Politiki no kubunga igihe habaye impaka hifashishijwe Itegeko Ngenga rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki ndetse n'Indangamyitwarire (Code d'Ethique) y'Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo biciye muri Komisiyo ibishinzwe.



*Fredrick RUHINDI*

Umuyobozi w'iri tsinda akaba n'Intumwa nkuru ya Leta Fredrick RUHINDI yabwiye abari muri ibi biganiro ko n'ubwo Ihuriro ry'Imitwe ya politiki ry'iwabo rimaze igihe kitari gito cyane, ariko ko ritarashinga imizi kandi ko yiboneye ko hari itandukaniro hagati y'Ihuriro ry'Igihugu cye n'Ihuriro ryo mu Rwanda, haba mu mikorere yaryo haba no mu buryo Imitwe ya politiki yo mu Rwanda yungurana ibitekerezo biganisha ku bwumvikane busesuye.

Iri tsinda ryashimye intera u Rwanda rumaze kugeraho mu bwisanzure muri Demokarasi no guha urubuga Imitwe ya politiki myinshi ikagira uruhare mu miyoborere y'Igihugu, bashima kandi uburyo Ihuriro rigira uruhare rugaragara mu kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya politiki mu rwego rwo kuyifasha gukora politiki ishingiye ku bumenyi

## ISHAMI RY'UMURYANGO W'ABIBUMBYE RITSURA AMAJYAMBERE/UNDP RYASUYE IHURIRO

*Muri gahunda y'ubufatanye, Umuyobozi mushya w'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye Ritsura Amajyambere/UNDP mu Rwanda, Bwana Stephen Rodriques, yasuye Ihuriro kugira ngo asobanurirwe imikorere yaryo, inshingano rifite n'uburyo inkunga uyu muryango utera Ihuriro ikoreshwa.*



Mu kiganiro yagiranye n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro Bwana Burasanzwe Oswald, yamubwiye ko Ihuriro rishyirwaho n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, rikaba ari urubuga Imitwe ya politiki yemewe mu Rwanda yabisabye kandi ikabyemererwa ihuriramo igamije kungurana ibitekerezo kuri politiki y'Igihugu kugira uruhare mu kubaka ubwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu.

Umuhuzabikorwa wa Porogaramu mu Ihuriro Bwana Jijuka Zephyrin yavuze ko Ihuriro riba umuhuza mu bibazo bivutse hagati y'Imitwe ya Politiki mbere y'uko bishyikirizwa inkiko; cyangwa umuhuza mu bibazo byavuka mu Mutwe wa Politiki ubwawo. Ihuriro kandi rikaba ari urwego rwo kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya politiki haba amahugurwa agenewe abayoboke b'iyo Mitwe ya politiki yaba kandi n'ibikoresho byababafasha mu gukora imirimo yabo ya buri munsi.

Muri gahunda z'amahugurwa; Umuhuzabikorwa wa Porogaramu yibanze cyane kuri gahunda ihoraho y'ishuri iyi gahunda ikaba ikorerwa mu Mujyi wa Kigali no Mu Ntara. Yamubwiye kandi ko hari izindi gahunda z'amahugurwa uyu muryango utera inkunga; nka gahunda z'amahugurwa zigenewe abayobozi mu Mitwe ya politiki mu Nzego z'Ibanze; n'amahugurwa agenewe abagore bo mu Mitwe ya politiki yo kubashishikariza kwinjira mu buyobozi bw'Umutwe wa politiki n'ubwo mu Gihugu muri rusange.

Uretse aya mahugurwa ategurwa n'Ihuriro ku nkunga y'uyu muryango; Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro yabwiye uyu muyobozi wa UNDP ko uretse aya mahugurwa Ihuriro rigenera Imitwe ya politiki; Imitwe ya politiki ubwayo itegura gahunda y'amahugurwa iterwamo inkunga n'Ihuriro.

Mu bibazo byagarutsweho n'uyu muyobozi ni uburyo Ihuriro rishishikariza Imitwe ya politiki gushyiraho inzego z'urubyiruko n'abagore mu Mitwe ya politiki mu kububakira ubushobozi kugira ngo koko batange umusaruro ugaragara mu Mitwe ya politiki yabo. Aha Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro yamubwiye ko izi nzego ziriho kandi ko uretse ikibazo cy'ubushobozi, Ihuriro rifatanya n'Imitwe ya politiki kugira ngo koko izi nzego zigizwe n'umubare munini w'abanyarwanda zigire ubushobozi bwo kubaka Imitwe ya politiki yabo.

Umukozi wa UNDP ukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga "Deepening Democracy through Strengthening Citizens Participation and Accountable Governance (DDAG)" Judy Wakahiu yashimye uburyo Ihuriro rikoresha iyi nkunga, aho yavuze ko yaba mu gukoresha inkunga uko yagenwe, yaba no gutanga raporo; Ihuriro rishimwa ko ribikorera ku gihe kandi neza.



Uyu muyobozi yashimye imikorere y'Ihuriro cyane cyane gahunda y'ishuri ry'urubyiruko ruturuka mu Mitwe ya politiki/ YPLA na gahunda y'amahugurwa mu nzego z'abagore; aryizeza ubufatanye no gukomeza kureba izindi gahunda bakorana n'Ihuriro

## INYANDIKO Y'INGAMBA Z'IHURIRO Y'IMYAKA 5 YATANGIYE KUVUGURURWA

*Tariki 22 Gicurasi 2015, abagize Komisiyo Ishinzwe Gahunda, Ibikorwa by'Ihuriro n'Ubufatanye n'Izindi Nzego, basuzumye banemeza gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo by'umwaka w'ingengo y'imari 2015-2016. Mu byateganyijwe gukorwa, harimo gutegura ibikorwa byashyirwa mu Nyandiko y'ingamba z'Ihuriro y'imyaka 5 (Strategic Plan 2016-2021).Mu nama yabahuje kuri uyu wa gatandatu tariki 24 Ukwakira 2015, abagize iyi Komisiyo batangiye umushinga wo kungurana ibitekerezo ku bikorwa byashyirwa muri iyo nyandiko y'ingamba z'Ihuriro y'imyaka 5 (Strategic Plan 2016-2021).*

Mu gutangiza iyi nama, Perezida wa Komisiyo, Hon. MUKANKUSI Perinne, yabwiye abari muri iyi nama ko iyi nyandiko ari nk'indorerwamo, Ihuriro rizajya ryireberamo kugira ngo ribashe kwesa imihigo injyanye n'inshingano ihabwa n'amategeko. Yasabye abagize Komisiyo gutanga ibitekerezo bihamye byafasha mu itegurwa ry'iyi nyandiko, abasaba kandi kuzakorana umurava no kurangwa n'ubwitange kugera iyi nyandiko irangiye.

Umuhuzabikorwa wa porogaramu mu Ihuriro Bwana JIJUKA Zephyrin, mu kugaragaza ubufatanye bwagombye kuranga abagize Komisiyo n'abakozi b'Ihuriro, yibukije ko mugutegura inyandiko y'ingamba z'Ihuriro ya 2011-2015 hashingiwe ku ngingo z'igenamigambi Ihuriro ryagendeyoho, asaba abagize Komisiyo ko bafatanirza hamwe kwibaza ibyari muri Plan strategique irangiye uko yashyizwe mu bikorwa; Imbogamizi zabonetse; icyavugururwa muri Plan stratégique nshya, ibyaba bikubiye muri Plan stratégique nshya n'ibibazo bakwifuza ko yaba isubiza